RPF **FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS** FPR

**RWANDESE PATRIOTIC FRONT**

New York, tariki 30 Mata 1994

# ICYO IBIRO BISHINZWE POLITIKE MU MUTWE WA FPR BIVUGA KURI GAHUNDA UMURYANGO W'ABIBUMBYE UFITE WO KOHEREZA INGABO ZO GUTABARA MU RWANDA

**Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe amahoro ku isi kasabwe n'Umunyamabanga mukuru wa ONU kwemeza iyoherezwa ry'Ingabo mu Rwanda mu rwego rwo guhagarika ubwicanyi bukomeje gukorerwa abaturage b'abasivili.**

**Hashize imyaka myinshi ubwicanyi bukorwa ariko ubwicanyi bwihariye bukaze cyane ni ubwatangiye nyuma y'urupfu rwa perezida Habyarimana ku itariki ya 6 Mata 1994.**

**Ku bihereranye n'ubwo bwicanyi,umutwe wa FPR urashaka kubatangariza ibi bikurikira:**

1. **Ubu bwicanyi bwateguwe mu buryo bwitondewe kandi bwashyizwe mu bikorwa uko bwateguwe ku buryo habaho itsembatsemba ry'abantu bose babonwa nk'abarwanya ubutegesti buriho.Imyiteguro y'ubwo bwicanyi yatangiye perezida Habyarima ubwe akiriho,abizi neza ko buri gutegurwa ndetse we ubwe anagira uruhare mu kubutegura.**

2. **FPR ifite ibimenyetso bifatika bigaragaza ko ubwo bwicanyi bwari buri gutegurwa kandi ko perezida yari kwicwa mu gihe cy'inzibacyuho nyuma gato y'uko ingabo za FPR zishyikirije intwaro zose zari zifite Umuryango w'Abibumbye zikajya mu bigo zari gukusanyirizwamo aho byari koroha kuzitsemba zose.**

**3. Ubu bwicanyi ntibwatunguye FPR habe na gato.FPR yakomeje gukoma akamo ibwira Umuryango Mpuzamahanga iby'iryo tegurwa rw'ubwicanyi amezi menshi mbere y'uko butangira gushyirwa mu bikorwa.Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye kimwe na za guverinoma z'ibindi bihugu byari bihagarariwe mu masezerano y'Amahoro ya Arusha barabizi ko twababwiye ko hari itegurwa ry'ubwicanyi ririgukorwa binyuze ku babahagarariye i Kigali kimwe n'abandi bategetsi bakuru basuye FPR haba i Kigali haba ku Mulindi kuva amasezerano yatangira gushyirwaho imikono mu rwego rwo kuganira uko kuyashyira mu bikorwa byazoroshywa.**

**Umuryango mpuzamahanga wari waraburiwe ariko ntiwigeze ubona ko ari ngombwa cyangwa se ntiwashoboye gukumira ubu bwicanyi.**

**4. Hari imyumvire itari yo ivuga ko ubu bwicanyi bwakozwe n'impande ebyiri zihanganye kandi zifite intwaro.Nibyo hari mpande ebyiri ,ariko uruhande rumwe ni rwo rufite intwaro kandi ni rwo ruri gukora amabi yose.Uruhande rundi ni urw'inzirakarengane,nta ntwaro rufite kandi nta wo kubarengera uhari.Ibyabaye ni igikorwa cya leta y'abanyarugomo cyo guhohotera abaturage b'inzirakarengane bazira gusa ko bari mu mashyaka ya politike atavuga umwe na leta iriho abandi bazira gusa ubwoko bwabo.**

**Ubu bwicanyi kandi mbere ya byose si intambara y'amoko abiri ahanganye nk'uko amagambo y'Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye asa nk'ashaka kubisobanura muri ubwo buryo.**

**5. N'ubwo aba Tutsi bakomeje gufatwa nk'abakandida bo gutsembatsembwa,mu by'ukuri n'abanyarwanda bo mu yandi moko bagiye bahura n'akaga kangana n'akabo. Ibihumbi bibarirwa muri za mirongo by'aba Hutu byarishwe ku bwinshi bizira gusa ko biri mu mashyaka atavuga rumwe n'iri ku butegetsi.Ndetse rwose abenshi mu bantu bakomeye bazwi mu gihugu bishwe ni aba Hutu.Kubona ko ibyabaye ari intambara ishingiye ku bwoko si byo,bikwiriye gukosorwa.**

6. Ubu bwicanyi si bushya mu mateka y'u Rwanda.Ni ibintu bigarutse kuko ubwicanyi busa nka buriya bwagiye bukorwa n'inzego z'umutekano zari ziyobowe icyo gihe na perezida Habyarimana hagati y'umwaka w'1959 na 1966, hagati y'umwaka wa 1972 na 1973 ndetse no hagati y'umwaka wa 1990 na 1994.

7. Ubu bwicanyi bwo mu Rwanda kandi bwakozwe gusa n'uruhande rumwe,ubutegetsi. Uruhande rwa FPR ntirwigeze rukora ikibi na kimwe kandi nta n'icyo dupanga gukora,binyuranye n'ibisa na bimwe mu biri mu ibaruwa Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye yandikiye akanama gashinzwe umutekano ku isi yo ku itariki ya 29 Mata 1994 idushinja kugira uruhare mu bwicanyi. Ahubwo twe twagiye twitangira kurokora abanyarwanda benshi bakorerwa ayo mabi yose. Umutwe wa FPR urashaka kubamenyesha ko uduce twose wigaruriye,umutekano ari wose kandi duhaye ikaze Umuryango mpuzamahanga kuzahagera bakigenzurira.

8. Perezida Habyarimana n'abo bakorana bapanze kandi bategura ubu bwicanyi bafatiranye ibihe by'agahenge ko guhagarika intambara FPR yemeye mu rwego rwo gutegura neza ubwiyunge bw'igihugu,kugarura umutekano no gutsimbakaza demukarasi mu gihugu cyacu.

   Ubu FPR yumva ko Umuryango Mpuzamahanga wagize indimi ebyiri igihe watsindagiraga FPR kwemera inzira y'amahoro mu gihe nta cyo wakoraga ngo ubuze Habyarimana gukomeza gupanga no gutegura kuzadurumbanya iyo nzira y'amahoro,inzira badushishikarizaga.

   Ubutumwa bw'Umuryango w'Abibumbye (MINUAR) bwari mu Rwanda,bwari bufite ingabo zirenga 2,500. Aya makuba agitangira izo ngabo zananiwe kurindira umutekano abaturage b'u Rwanda bari bugarijwe n'urugomo. Ntizigeze zitabara ngo zihagarike ubwicanyi, zitwaje ngo ntibiri mu bigize ubutumwa boherejwemo,kandi ubwo butumwa bwarashoboraga guhita buhindurwa ako kanya n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe amahoro ku isi.Aho kubigenza

**gutyo,ahubwo za ngabo zahise zicyurwa zisiga abaturage b'u Rwanda mu maboko y'abicanyi.**

**Umuryango mpuzamahanga wararebereye gusa witegereza wipfumbase ukuntu ibihumbi amagana by'abaturage b'u Rwanda b'inzirakarengane bari kwicwa.**

**Ni bake gusa batinyutse kuvugira mu ruhame bamagana abakoraga ayo mabi,ibyo kuvuga gutera intambwe n'imwe mu gufasha abari kurenganywa cyangwa bashobora kurenganywa byo tutiriwe tunabivuga.**

**Raporo (OXFAM) zigaragaza ko ubwo bwicanyi bwabaye bumaze guhitana abasaga kimwe cya kabiri cya miliyoni (500,000).**

**Uburyo ubwicanyi bwakozwemo n'urwego bwakozwemo butuma nta gushidikanya kurimo ku kuba ibyabaye byakwitwa jenoside tugendeye ku nyito itangwa n'Amasezerano mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye.Twe twumva impaka zigibwa n'inzego zimwe na zimwe, harimo ndetse n'Akanama k'Umuryango w'abibumbye gashinzwe amahoro ku isi, ngo zo kumenya niba koko ibyabaye mu Rwanda ari jenoside cyangwa atari yo, ari impaka nk'izo mu ishuri niba tutabyita gushinyagura.Twe bwe abanyarwanda n'abandi bayiboneye n'amaso yabo twemeza ko ibyabaye ari jenoside.**

**Ubwicanyi bwapanzwe kandi buhagarikirwa na guverinoma yiyise iy'agateganyo ikoresheje ibi bikurikira:**

**1.Abasirikare bo mu mutwe ushinzwe kurinda perezida**
**2.Abasirikare basanzwe mu ngabo z'igihugu**
**3.Abajandarume**
**4.Abaturage basanzwe bahawe intwaro hamwe n'umutwe w'urubyiruko wagenzurwaga n'ishyaka rya nyakwigendera perezida ryitwa MRND hamwe n'andi mashyaka y'incuti zayo,cyane cyane abo mu ishyaka ry'abahezanguni ryitwa CDR.**

**Umuryango mpuzamahanga ufitiye ideni rikomeye abanyarwanda ryo kwamagana no gushakisha abakoze ubwo bwicanyi bose bakagezwa imbere y'ubutabera. Hari ibihugu bimwe na bimwe,byahaye ishingiro abo bicanyi ndetse ubu byanatangiye kubategurira igihe kizaza muri politike y'igihugu cyacu.Twavuga nk'igihugu cy'Ubufaransa na Misiri byamaze kwakira no kugirana ibiganiro byo mu rwego rwo hejuru n'abagize guverinoma yiyise iy'agateganyo kandi bikaba ari nabyo bishobora kuba biri inyuma y'uyu mugambi wo kohereza ingabo z'Umuryango w'Abibumbye nyuma y'ibyo biganiro.**

**Umuryango w'Abibumbye wagombye gufata iya mbere mu gushaka uko abagize iyo leta yakoze ubwicanyi batagira igihugu na kimwe cyangwa ishyirahamwe mpuzamahanga na rimwe ribaha agaciro. Umuryango w'Abibumbye niwibeshya kandi ukakira cyangwa ukagirana imishyikirano iha agaciro abategetsi bo muri iyo leta, umutwe wa FPR nta yandi mahitamo uzaba usigaranye uretse gusaba ko na bariya basirikare 270 ba UNAMIR basigaye bahita bacyurwa.**

**Igihe cyo kohereza ingabo z'Umuryango w'Abibumbye zo gutabara abicwa cyararangiye kera. Jenoside isa nk'iyarangiye. Abagombaga kwicwa na leta hafi ya bose barishwe byararangiye cyangwa bamaze guhunga.**

**Umutwe wa FPR ubona ahubwo ko ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi byose Umuryango w'Abibumbye wakora ubu muri ki gihe ari ugushaka uko wageza imfashanyo ku baturage bari mu buzima bugoye batewe n'urugomo no kuva mu byabo.Ikibabaje ahubwo izo mfashanyo nizo tubona mutigeze mutekerezaho cyane nk'uko byari bikwiriye kugeza ubu.**

**Umutwe wa FPR ubona ibyo Umuryango w'Abibumbye urimo byo gushaka kohereza ingabo zo gutabara abicwa ari uburyo uwo muryango ushaka gutangizamo inzira irimo amayeri yo gushaka uko**

**barinda bakanatera inkunga abicanyi ubu bagize icyiyise guverinoma y'agateganyo.**

**Ku bw'ibyo,umutwe wa FPR urabatangariza ko wamaganiye kure ukomeje iyo gahunda y'Umuryango w'Abibumbye yo kohereza ingabo zo gutabara kandi ko tutazigera na rimwe dukorana na zo haba mu ishingwa ryazo cyangwa mu bikorwa byazo.**

**Ku bw'ibyo,umutwe wa FPR :**

**a.turasaba akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe amahoro ku isi kutemera ibyo kohereza ingabo zo gutabara zari ziteganyijwe koherezwa mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye kubera ko aho ibintu bigeze ubu zitagikenewe kuko ubwicanyi zendaga kujya guhagarika butagikorwa.**

**b.turasaba ahubwo Umuryango mpuzamahanga gushyira igitutu cyinshi ku bicanyi bari mu cyiyise guverinoma y'agateganyo bakaba ari nabo ba nyirabayazana w'ubwicanyi bwose bwakozwe,mugakora ibi bikurikira:**

**1.Kureka kwemera abategetsi bo muri guverinoma yiyise iy'agateganyo yafashe ubutegetsi mu buryo bunyuranyije n'ibyo itegeko nshinga riteganya**
**2.Kwamagana abantu bamwe na bamwe ku giti cyabo b'ibikomerezwa mu butegetsi bagize uruhare mu mabi yabaye**
**3.Gufatira ibihano abagize guverinoma y'agateganyo**
**4.Gutangira vuba imyiteguro yose isabwa ngo hashyirweho inkiko zizaburanisha ibyaha byo mu ntambara hamwe n'izindi nzego zizatuma abakoze ibyaha by'aya mabi yose bagezwa mu butabera**

**c.turasaba Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye ONU gusimbuza intumwa yihariye imuhagarariye mu Rwanda bidatinze, agasimburwa n'umuntu ushoboye kurushaho.**

d.turahamagarira Umuryango mpuzamahanga kwihutira kohereza imfashanyo z'ubutabazi bwa ngombwa mu Rwanda,baha abaturage ibyo bakeneye,kandi ukatwizeza ko tuzakorana byuzuye mu gushyira imbaraga hamwe ngo tworohereze abaturage bari mu buzima bubi, bugoye.

e.turanahamagarira Umuryango w'Abibumbye kandi kohereza intumwa zawo mu Rwanda mu bice bigenzurwa n'umutwe wa FPR kugira ngo bemeze ko nta bwicanyi na mba cyangwa ibikorwa bihungabanya uburenganzira bw'ikiremwamuntu by'ubwoko ubwo ari bwo bwose byakozwe n'ingabo za FPR nk'uko ibaruwa twavuzeho hejuru y'Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye yandikiye akanama gashinzwe amahoro ku isi isa nk'ibitubeshyera.

Mu izina ry' Ibiro bishinzwe politike mu mutwe wa Front Patriotique Rwandais

______________________ _________________________

Bwana Gerald Gahima Bwana Claude Dusayidi

*Ibaruwa y'umutwe wa FPR Inkotanyi yo ku itariki ya 30 Mata 1994 mu cyongereza,yashyizwe mu Kinyarwanda na Afriquela1ère.com/rw*